

**Ibirimo/Summary/Sommaire**

**page/urup.**

**Amategeko/ Laws / Lois**

**N° 61/2018 ryo ku wa 24/08/2018**

Itegeko rihindura itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ..... 3

**N° 61/2018 of 24/08/2018**

Law modifying Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights ..... 3

**N° 61/2018 du 24/08/2018**

Loi modifiant la loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne ..... 3

ITEGEKO N° 61/2018 RYO KU WA 24/08/2018 RIHINDURA ITEGEKO N° 19/2013 RYO KU WA 25/03/2013 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

LAW N° 61/2018 OF 24/08/2018 MODIFYING LAW N° 19/2013 OF 25/03/2013 DETERMINING MISSIONS, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS

LOI N° 61/2018 DU 24/08/2018 MODIFIANT LA LOI N° 19/2013 DU 25/03/2013 PORTANT MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION NATIONALE DES DROITS DE LA PERSONNE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIÈRES**

**Ingingo ya mbere:** Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no kurengera uburenganzira bwa muntu

**Article One:** Special responsibilities of the Commission as regards to the protection of Human Rights

**Article premier:** Attributions particulières de la Commission en matière de protection des droits de la personne

**Ingingo ya 2:** Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro

**Article 2:** Special responsibilities of the Commission as regards to the prevention of torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment

**Article 2:** Attributions particulières de la Commission en matière de lutte contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants

**Ingingo ya 3:** Ububasha bwihariye bwa Komisiyo ku bijyanye no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro

**Article 3:** Special powers of the Commission as regards to the prevention of torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment

**Article 3:** Pouvoirs particuliers de la Commission en matière de lutte contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants

**Ingingo ya 4:** Abagize Inama y'Abakomiseri n'ibyabo bagomba kuba bujuje

**Article 4:** Composition of the Council of Commissioners and requirements for the position

**Article 4:** Composition du Conseil des Commissaires et conditions requises pour ces fonctions

<b><u>Ingingo ya 5:</u> Aho Abakomiseri baturuka</b>	<b><u>Article 5:</u> Origin of Commissioners</b>	<b><u>Article 5:</u> Provenance des Commissaires</b>
<b><u>Ingingo ya 6:</u> Ibigomba kubahirizwa mu guhitamo abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri</b>	<b><u>Article 6:</u> Requirements for selection of candidate Commissioners</b>	<b><u>Article 6:</u> Directives de sélection des candidats Commissaires</b>
<b><u>Ingingo ya 7:</u> Iyemezwa ry'Abakomiseri muri Sena</b>	<b><u>Article 7:</u> Approval of Commissioners by the Senate</b>	<b><u>Article 7:</u> Approbation des Commissaires par le Sénat</b>
<b><u>Ingingo ya 8:</u> Manda y'Abakomiseri</b>	<b><u>Article 8:</u> Term of office for the Commissioners</b>	<b><u>Article 8:</u> Mandat des Commissaires</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Isimburwa ry'Umukomiseri</b>	<b><u>Article 9:</u> Replacement of a Commissioner</b>	<b><u>Article 9:</u> Remplacement d'un Commissaire</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Manda y'Abakomiseri bari basanzweho</b>	<b><u>Article 10:</u> Term of office of incumbent Commissioners</b>	<b><u>Article 10:</u> Mandat des Commissaires en fonction</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</b>	<b><u>Article 11:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b>	<b><u>Article 11:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</b>	<b><u>Article 12:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 12:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 13:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 13:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEGEKO N° 61/2018 RYO KU WA 24/08/2018 RIHINDURA ITEGEKO N° 19/2013 RYO KU WA 25/03/2013 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Kamena 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 14, iya 42, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 120, iya 139 n'iya 176;

**LAW N° 61/2018 OF 24/08/2018 MODIFYING LAW N° 19/2013 OF 25/03/2013 DETERMINING MISSIONS, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 20 June 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles, 14, 42, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120, 139 and 176;

**LOI N° 61/2018 DU 24/08/2018 MODIFIANT LA LOI N° 19/2013 DU 25/03/2013 PORTANT MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA COMMISSION NATIONALE DES DROITS DE LA PERSONNE**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ, ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 juin 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015 spécialement en ses articles, 14, 42, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 120, 139 et 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki yo ku wa 16/12/1966 nk'uko yemejwe n'Itegeko Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;	Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights of 16/12/1966 as ratified by Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;	Vu le Pacte International relatif aux Droits Civils et Politiques du 16/12/1966 tel que ratifié par le Décret-Loi n° 8/75 du 12/02/1975;
Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yo ku wa 27/06/1981 nk'uko yemejwe n'Itegeko n° 10/1983 ryo ku wa 01/07/1983;	Pursuant to the African Charter on Human and Peoples' Rights of 27/06/1981 as ratified by Law n° 10/1983 of 01/07/1983;	Vu la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples du 27/06/1981 telle que ratifiée par la Loi n° 10/1983 du 01/07/1983;
Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro yo ku wa 10/12/1984 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 51/01 ryo ku wa 05/09/2008;	Pursuant to the Convention against torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment of 10/12/1984 as ratified by Presidential Order n° 51/01 of 05/09/2008;	Vu la Convention contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants du 10/12/1984 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 51/01 du 05/09/2008;
Ishingiye ku Masezerano yerekeye Uburenganzira bw'Umwana yo ku wa 20/11/1989 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo ku wa 19/09/1990;	Pursuant to the Convention on the Rights of the Child of 20/11/1989 as ratified by Presidential Order n° 773/16 of 19/09/1990;	Vu la Convention relative aux Droits de l'Enfant du 20/11/1989 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 773/16 du 19/09/1990;
Ishingiye ku Masezerano Adahatirwa y'Inyongera ku Masezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro yo ku wa 18/12/2002 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 60/01 ryo ku wa 12/02/2014;	Pursuant to the Optional Protocol to the Convention against torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment of 18/12/2002 as ratified by Presidential Order 60/01 of 12/02/2014;	Vu le Protocole Facultatif se rapportant à la Convention contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants du 18 /12/2002 tel que ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 60/01 du 12/02/2014;

Ishingiye ku Masezerano y'Inyongera ku Masezerano y'Afurika yerekeye uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yerekeranye n'Uburenganzira bw'Abagore muri Afurika, yo ku wa 11/07/2003 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo ku wa 24/06/2004;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga arebana n'Uburenganzira bw'Abantu bafite Ubumuga, yo ku wa 13/12/2006 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 131/01 ryo ku wa 27/12/2012;

Isubiye ku Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;

**YEMEJE:**

**Ingingo va mbere: Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no kurengera uburenganzira bwa muntu**

Ingingo ya 6 y'Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ihinduwe ku buryo bukurikira:

Pursuant to the Protocol to the African Charter on Human and Peoples' Rights on the Rights of Women of 11/07/2003 as ratified by Presidential Order n° 11/01 of 24/06/2004;

Pursuant to the Convention on the Rights of Persons with Disabilities of 13/12/2006 as ratified by Presidential Order n° 131/01 of 27/12/2012;

Having reviewed Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organization and functioning of the National Commission for Human Rights;

**ADOPTS:**

**Article One: Special responsibilities of the Commission as regards to the protection of Human Rights**

Article 6 of Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organization and functioning of the National Commission for Human Rights is modified as follows:

Vu le Protocole à la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples relatif aux Droits des Femmes du 11/07/2003 tel que ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 11/01 du 24/06/2004;

Vu la Convention relative aux Droits des Personnes Handicapées du 13/12/2006 telle ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 131/01 du 27/12/2012;

Revu la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisations et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne;

**ADOPTE:**

**Article premier: Attributions particulières de la Commission en matière de protection des droits de la personne**

L'article 6 de la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne est modifié comme suit:

“Ku bijyanye no kurengera uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo ifite inshingano zihariye zikurikira:

1° kugenzura iyubahirizwa ry’uburenganzira bwa muntu, by’umwihariko iyubahirizwa ry’uburenganzira bw’umwana, ubw’umugore, ubw’abantu bafite ubumuga, ubw’abafite ubwandu bw’agakoko gatera SIDA, ubw’impunzi, ubw’abakozi b’abimukira n’imiryango yabo n’ubw’abageze mu zabukuru;

2° kwakira, gusuzuma no gukora iperereza ku birego bijyanye n’ihungabanywa ry’uburenganzira bwa muntu;

3° gusuzuma ihungabanywa ry’uburenganzira bwa muntu rishobora gukorwa n’inzego za Leta cyangwa rikozwe n’inzego z’abikorera, amashyirahamwe, imiryango itari iya Leta, abantu bitwaza ububasha bwabo, itsinda ry’abantu cyangwa umuntu ku giti cye.

4° gusura ahafungiyeye abantu hagamijwe kugenzura ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa no gusaba inzego zibishinzwe gukemura ibibazo by’ihohotera ry’uburenganzira bw’abantu bafunzwe byagaragaye;

“Regarding the protection of human rights, the Commission has the following special responsibilities:

1° to monitor the compliance with the human rights, in particular with the rights of child, woman, persons with disabilities, people living with HIV/AIDS, refugees, migrant workers and members of their families and elderly’s rights;

2° to receive, examine and investigate complaints relating to human rights violations;

3° to examine human rights violations in Rwanda committed by public or private organs, associations, non-governmental organizations, persons abusing their powers, a group of persons or individuals;

4° to visit premises of detention with a view to monitor respect for the rights of detainees and to request the relevant institutions to solve identified problems with regard to the violations of the rights of detainees;

«Dans le cadre de la protection des droits de la personne, la Commission a les attributions particulières suivantes:

1° assurer le respect des droits de la personne, en particulier, des droits de l’enfant, de la femme, des personnes handicapées, des personnes vivant avec le VIH/SIDA, des réfugiés, des travailleurs migrants et des membres de leurs familles et ceux des personnes âgées;

2° recevoir, traiter et faire des investigations sur les plaintes relatives aux violations des droits de la personne;

3° examiner les violations des droits de la personne au Rwanda commises par les organes publics ou privés, les associations, les organisations non-gouvernementales, les personnes abusant de leurs pouvoirs, un groupe de personnes ou les individus;

4° visiter les lieux de détention en vue d’assurer le respect des droits des détenus et demander aux institutions concernées de résoudre les problèmes identifiés en rapport avec la violation des droits des détenus;

5° kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu matora no gushyikiriza raporo inzego zibishinzwe.”

**Ingingo ya 2: Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro**

Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, ryongewemo ingingo ya 6 *bis* yanditswe ku buryo bukurikira:

**“Ingingo ya 6 bis: Inshingano zihariye za Komisiyo ku bijyanye no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, ibya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro**

Ku bijyanye no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, ibya kinyamaswa cyangwa ibitesha umuntu agaciro, Komisiyo ifite inshingano zihariye zikurikira:

1° gusura ku buryo buhoraho, yateguje cyangwa itateguje n'igihe cyose bibaye ngombwa, ahantu hakurikira:

5° to monitor the respect for human rights throughout elections process and submit reports to relevant organs.”

**Article 2: Special responsibilities of the Commission as regards to the prevention of torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment**

In Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organization and functioning of the National Commission for Human Rights is inserted Article 6 *bis* worded as follows:

**“Article 6 bis: Special responsibilities of the Commission as regards to the prevention of torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment**

Regarding prevention of torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment, the Commission has the following special responsibilities:

1° to carry out, with or without notice, regular visits at any time when deemed necessary to the following places:

5° assurer le respect des droits de la personne dans le processus électoral et soumettre le rapport aux organes habilités.»

**Article 2: Attributions particulières de la Commission en matière de lutte contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants**

Dans la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne, il est inséré l'article 6 *bis* libellé comme suit:

**«Article 6 bis: Attributions particulières de la Commission en matière de lutte contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants**

Concernant la prévention de la torture et d'autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants, la Commission a les attributions particulières suivantes :

1° effectuer des visites régulières, avec ou sans avertissement à tout moment quand il s'avère nécessaire dans les endroits suivants:



- |   |   |   |
|---|---|---|
| a) gereza;  | a) prisons;   | a) les prisons;   |
| b) ahafungirwa abantu ku mpamvu z'ubugenzacyaha;                                      | b) places of detention investigation measures;                            | b) les lieux de placement en garde à vue pour les mesures d'investigation;      |
| c) ibigo ngororamuco n'ibigo binyurwamo by'igihe gito;                                | c) rehabilitation and transit centres;                                    | c) les centres de réhabilitation et de transit;                                 |
| d) ibigo byakira abafite ubumuga bwo mu mutwe n'ibitaro byakira abarwayi bo mu mutwe; | d) centres for mentally handicapped and psychiatric hospitals;            | d) les centres des handicapés mentaux et les hôpitaux psychiatriques;           |
| e) ibigo byakira abageze mu zabukuru;   | e) elderly centres;   | e) les centres des personnes âgées;   |
| f) ahantu hashyirwa by'agateganyo abinjira mu gihugu bafite ibibazo;                  | f) transit centres for immigrants with problems;                          | f) les centres de transit pour les immigrants ayant des problèmes;              |
| g) mu binyabiziga cyangwa mu bundi buryo bwo gutwara abantu bafunzwe;                 | g) vehicles or any other means of detainees' transport;                   | g) les véhicules ou tout autre moyen de transport des détenus;                  |
| h) ahandi hantu abantu babujijwe ubwisanzure cyangwa bashobora kuburizwa ubwisanzure. | h) any other place where persons are or may be deprived of their liberty. | h) tout autre endroit où des personnes sont ou peuvent être privées de liberté. |
- 2° gusuzuma ku buryo buhoraho imifungire y'abantu bambuwe uburenganzira ku bwisanzure n'ubundi burenganzira bwabo, kugira ngo barusheho kwitabwaho no kurindwa iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro;
- 2° to regularly monitor the conditions of detention of persons deprived of their liberty and other rights with a view to their protection against torture or other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment;
- 2° examiner régulièrement les conditions de détention des personnes privées de liberté et autres droits, en vue de renforcer leur protection et leur prévention contre la torture ou autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants;

<p>3° kugeza ibyifuzonama ku bayobozi babifitiye ububasha kugira ngo imibereho y'abantu bafunzwe irusheho kwitabwaho kandi hakumirwe iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha agaciro umuntu hashingiwe ku mategeko mpuzamahanga, ayo mu karere n'ayo mu Gihugu no kubasaba gukemura ibibazo byagaragaye;</p>	<p>3° to issue recommendations to relevant authorities with the aim to improve the conditions of detention of the persons deprived of their liberty and to prevent torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment based on international, regional and national laws and ask them to solve identified problems;</p>	<p>3° formuler des recommandations aux autorités compétentes visant à améliorer les conditions de détention des personnes privées de liberté et prévenir la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants, conformément à la législation internationale, régionale et nationale ainsi que leur demander de résoudre les problèmes identifiés ;</p>
<p>4° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzonama Komisiyo yagejeje ku zindi nzego;</p>	<p>4° to follow up the implementation of its recommendations that the Commission submitted to other institutions;</p>	<p>4° assurer le suivi de la mise en œuvre de ses recommandations que la Commission a soumises aux autres institutions;</p>
<p>5° gutanga ibitekerezo ku mategeko asanzwe ariho cyangwa imishinga y'amategeko birebana no</p>	<p>5° to provide views on existing laws and draft laws relating to the prevention and control of torture</p>	<p>5° donner des avis sur les lois existantes et les projets de lois en rapport avec la prévention de la</p>
<p>gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro bikorerwa ahafungiye abantu;</p>	<p>and other cruel inhuman or degrading treatment or punishment in place of detention;</p>	<p>torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants dans le lieu de détention;</p>
<p>6° kwakira ibirego birebana no gufunga abantu, ibirebana n'imibereho myiza n'ubundi burenganzira bw'abafunzwe;</p>	<p>6° to receive complaints relating to detention, well-being and other rights of persons deprived of their liberty;</p>	<p>6° recevoir les plaintes relatives à la détention, au bien-être et autres droits des personnes privées de liberté;</p>
<p>7° gukora ubushakashatsi n'inyigo bijyanye no gufunga abantu, ibijyanye n'imibereho myiza n'ubundi burenganzira bw'abafunzwe hagamijwe gukumira cyangwa kurwanya iyicarubozo n'ibindi</p>	<p>7° to carry out research and studies on detention, well-being and other rights of detainees with the aim of preventing or combating torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment;</p>	<p>7° mener des recherches et études en rapport avec la détention, les conditions de vie et autres droits des personnes détenues en vue de la prévention ou de la lutte contre la torture</p>

bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro;

8° gutsura umubano n'ubufatanye n'izindi nzego zifite inshingano zimwe na Komisiyo.”

**Ingingo ya 3: Ububasha bwihariye bwa Komisiyo ku bijyanye no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro**

Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, ryongewemo ingingo ya 7 bis yanditswe ku buryo bukurikira:

**“Ingingo ya 7 bis: Ububasha ku bijyanye no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro**

Ku bijyanye no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro, Komisiyo ifite ububasha bukurikira:

et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants;

8° promouvoir de bonnes relations et collaborer avec d'autres institutions ayant les mêmes attributions que la Commission.»

**Article 3: Pouvoirs particuliers de la Commission en matière de lutte contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants**

Dans la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne, il est inséré l'article 7 bis libellé comme suit:

**“Article 7 bis: Pouvoirs en matière de lutte contre la torture et autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants**

Concernant la prévention de la torture et d'autres peines ou traitements cruels, inhumains ou dégradants, la Commission a des pouvoirs suivants :

8° to promote good relationship and collaboration with other institutions with the same responsibilities as the Commission.”

**Article 3: Special powers of the Commission as regards to the prevention of torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment**

In Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organization and functioning of the National Commission for Human Rights is inserted Article 7 bis worded as follows:

**“Article 7 bis: Powers as regards to the prevention of torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment**

Regarding prevention of torture and other cruel, inhuman or degrading treatment or punishment, the Commission has the following powers:

1° kugera, nta nzitizi ku nyandiko zose n'amakuru yose bifitwe n'inzego bireba, byerekeye umubare w'abantu bafunzwe, umubare w'ahantu hafungiyeye abantu n'aho haherereye;

2° kugera nta nzitizi ku makuru yose arebana n'uburyo abantu bafunzwe, bafashwe n'uburyo bafunzwemo;

3° kugera nta nzitizi ahantu hose hafungiyeye abantu, ku nyubako zaho n'ibikoresho;

4° kuganira mu muhezo igihe cyose n'abantu bafunzwe cyangwa undi muntu wese ushobora gutanga amakuru akenewe;

5° gufata amajwi n'amashusho byafasha Komisiyo mu kurangiza inshingano zayo kandi hubahirijwe ubuzima bwite bw'umuntu.”

1° unrestricted access to all documents and all information owned by relevant institutions, relating to the number of persons deprived of their liberty, the number of detention places and their location;

2° unrestricted access to all information referring to the treatment of persons deprived of their liberty as well as their conditions of detention;

3° unrestricted access to all places of detention and their premises and facilities;

4° conduct talk in private at any time with persons deprived of their liberty or with any other person likely to provide useful information;

5° to make audio recording and take photos that can help the Commission in fulfilling its responsibilities and respecting the privacy of the person.”

1° accès, sans restriction, à tous les documents et toutes les informations détenus par les institutions concernées, relatifs au nombre des personnes privées de liberté, le nombre des endroits de détention et leur emplacement;

2° accès, sans restriction, à toutes les informations relatives au traitement des personnes privées de liberté et à leurs conditions de détention;

3° accès sans restriction à tous les endroits de détention et à leurs locaux et équipements;

4° s'entretenir en privé et à tout moment avec les personnes privées de liberté, ou avec toute autre personne susceptible de fournir des informations utiles;

5° faire des enregistrements audio et prendre des photos pouvant aider la Commission à accomplir ses attributions tout en respectant la vie privée de la personne.”

**Ingingo ya 4: Abagize Inama y'Abakomiseri n'ibyo bagomba kuba bujuje**

Ingingo ya 17 y'Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ihinduwe ku buryo bukurikira:

“Inama y'Abakomiseri igizwe n'Abakomiseri barindwi (7) barimo Perezida na Visi Perezida.

Kugira ngo umuntu abe Umukomiseri agomba kuba yujuje ibisabwa bikurikira:

1° kuba ari Umunyarwanda;

2° kuba ari inyangamugayo;

3° kuba atarahamijwe burundu n'inkiko icyaha cya Jenocide, icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenocide cyangwa ibyaha byibasiye inyoko Muntu;

4° kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);

**Article 4: Composition of the Council of Commissioners and requirements for the position**

Article 17 of Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights is modified as follows:

“The Council of Commissioners is composed of seven (7) Commissioners including the Chairperson and the Vice Chairperson.

For a person to be a Commissioner, he/she must fulfil the following conditions:

1° to be a Rwandan national;

2° to be a person of integrity;

3° not to have been convicted of the crime of genocide, the crime of genocide ideology or crimes against humanity in a final judgment;

4° not to have been sentenced to imprisonment for a term equal to or exceeding six (6) months in a final judgment;

**Article 4: Composition du Conseil des Commissaires et conditions requises pour ces fonctions**

L'article 17 de la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne est modifié comme suit :

« Le Conseil des Commissaires est composé de sept (7) Commissaires dont le Président et le Vice-Président.

Pour être Commissaire, il faut remplir les conditions suivantes :

1° être de nationalité rwandaise;

2° être intègre;

3° ne pas avoir été définitivement condamné pour crime de génocide, crime d'idéologie du génocide ou crimes contre l'humanité;

4° ne pas avoir été définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;

5° kuba afite ubunararibonye mu mirimo y'ubuyobozi mu nzego za Leta cyangwa izitari iza Leta.

**Ingingo ya 5: Aho Abakomiseri baturuka**

Ingingo ya 18 y'Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ihinduwe ku buryo bukurikira:

“Abakomiseri baturuka:

1° muri sosiyete sivile harimo n'imiryango itari iya Leta iharanira guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu;

2° muri Kaminuza n'amashuri makuru ya Leta n'ayigenga;

3° mu nzego za Leta;

4° mu bikorera.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'Abakomiseri batoranywa muri izo nzego bagomba kuba ari abagore.

Hashingiwe ku bwigenge bwa Komisiyo nk'uko buteganywa n'ingingo ya 3 y'iri tegeko, Abakomiseri batoranywa ku giti

5° to have an experience in leadership positions in public or private institution.”

**Article 5: Origin of Commissioners**

Article 18 of Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organization and functioning of the National Commission for Human Rights is modified as follows:

“Commissioners come from:

1° civil society including non- governmental organizations for the promotion and protection of human rights;

2° public and private universities and institutions of higher learning;

3° public institutions;

4° private sector.

At least thirty per cent (30%) of Commissioners selected from those bodies must be women.

Considering the independence of the Commission as provided for in Article 3 of this Law, Commissioners are selected on

5° avoir une expérience aux postes de responsabilité dans les organes publics ou privés. »

**Article 5: Provenance des Commissaires**

L'article 18 de la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne est modifié comme suit :

« Les Commissaires proviennent :

1° de la société civile, y compris les organisations non-gouvernementales œuvrant pour la promotion et la protection des droits de la personne;

2° des universités et institutions d'enseignement supérieur publiques et privées;

3° des institutions publiques;

4° du secteur privé.

Au moins trente pour cent (30%) des Commissaires sélectionnés dans ces organes doivent être de sexe féminin.

Sur base de l'indépendance de la Commission telle que prévue par l'article 3 de la présente loi, les Commissaires sont sélectionnés à titre

cyabo kandi ntibaba bahagarariye inzego baturukamo.”	individual basis and do not represent their institutions of origin.”	individuel et ne représentent pas leurs institutions d’origine. »
<b><u>Ingingo ya 6: Ibigomba kubahirizwa mu guhitamo abakandida ku mwanya w’Ubukomiseri</u></b>	<b><u>Article 6: Requirements for selection of candidate Commissioners</u></b>	<b><u>Article 6: Directives de sélection des candidats Commissaires</u></b>
Ingingo ya 20 y’Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n’imikorere bya Komisiyo y’Igihugu y’Uburenganzira bwa Muntu ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 20 of Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights is modified as follows:	L’article 20 de la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne est modifié comme suit :
“Komite itoranya abakandida ku mwanya w’Ubukomiseri irigenga mu mikorere yayo.	The Committee in charge of selecting candidate Commissioners is independent in the exercise of its duties.	Le Comité de sélection des candidats Commissaires est indépendant dans l’exercice de ses fonctions.
Mu guhitamo abakandida, Komite itoranya abakandida igomba kwita nibura kuri ibi bikurikira:	“In selecting candidates, the Committee must consider at least the following:	« Dans la sélection des candidats, le Comité doit considérer au moins ce qui suit :
1° kugendera ku mahame yo gukorera mu mucyo no mu bwisanzure;	1° comply with the principles of transparency and independence;	1° se conformer aux principes de transparence et d’indépendance;
2° gutangaza ku buryo busesuye imyanya y’Abakomiseri.	2° widely announce vacancies for Commissioners.	2° publier largement les places à pourvoir pour les Commissaires.
Komite imaze gutoranya abakandida ishyikiriza Guverinoma urutonde	After selecting the candidates, the Committee submits to the Government a	Après avoir fait la sélection des candidats, le Comité transmet au Gouvernement une
rw’abakandida yahisemo, Perezida wa Repubulika agashyiraho Perezida na Visi	list of selected candidates, and the President of the Republic appoints the Chairperson and	liste des candidats sélectionnés et le Président de la République nomme le Président et le Vice-Président en cas de vacance de ces postes.

Perezida mu gihe iyo myanya itari ifite abayirimo.

the Vice Chairperson if those posts are vacant.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) mu bakandida batoranyijwe na Komite itoranya abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri bagomba kuba ari abagore.

At least thirty per cent (30%) of candidates selected by the Committee in charge of selecting candidate Commissioners must be women.

Au moins trente pour cent (30%) des candidats sélectionnés par le Comité de sélection des candidats Commissaires doivent être de sexe féminin.

Iteka rya Perezida rishyiraho Komite itoranya abakandida ku mwanya w'ubukomiseri rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.”

A Presidential Order establishes the Committee in charge of selecting candidate Commissioners and determines its responsibilities, organization and functioning.”

Un arrêté présidentiel crée le Comité de sélection des candidats Commissaires et détermine ses attributions, son organisation et son fonctionnement. »

**Ingingo ya 7: Iyemezwa ry'Abakomiseri muri Sena**

**Article 7: Approval of Commissioners by the Senate**

**Article 7: Approbation des Commissaires par le Sénat**

Ingingo ya 21 y'Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ihinduwe ku buryo bukurikira:

Article 21 of Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights is modified as follows:

L'article 21 de la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne est modifié comme suit :

“Guverinoma ishyikiriza Sena abakandida ku mwanya w'Ubukomiseri kugira ngo ibemeze mbere y'uko bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

“The Cabinet submits to the Senate for approval candidate Commissioners before their appointment by a Presidential Order.

« Le Gouvernement présente les candidats Commissaires au Sénat pour approbation avant leur nomination par arrêté présidentiel.

Iyo Sena itemeje umwe cyangwa benshi mu bakandida ku mwanya w'Ubukomiseri, Perezida wa Sena abimenyeshya Guverinoma mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15),

If the Senate does not approve one or several candidate Commissioners, the President of the Senate informs the Government within fifteen (15) days, and requests for the

Lorsque le Sénat n'approuve pas un ou plusieurs candidats Commissaires, le Président du Sénat en informe le Gouvernement endéans quinze jours (15) et lui demande de présenter un



akayisaba kohereza undi mukandida usimbura umukandida utemejwe. submission of another candidate to replace the candidate who was not approved. autre candidat pour remplacer le candidat qui n'a pas été approuvé.

Gutoranya umukandida usimbura utemejwe bikorwa na Komite itoranya abakandida ku mwanya w'ubukomiseri hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 20 y'iri tegeko. The selection of a candidate to replace the one who was not approved is carried out by the Committee in charge of selecting candidate Commissioners in accordance with the provisions of Article 20 of this Law. La sélection d'un candidat qui remplace celui qui n'a pas été approuvé se fait par le Comité de sélection des candidats Commissaires conformément aux dispositions de l'article 20 de la présente loi.

Guverinoma yoherereza Sena abandi bakandida ku mwanya w'Ubukomiseri bangana n'umubare w'abo Sena itemeje." The Cabinet submits to the Senate other candidate Commissioners whose number is equivalent to the number of those not approved by the Senate." Le Gouvernement transmet au Sénat d'autres candidats Commissaires dont le nombre équivaut à celui des candidats non approuvés par le Sénat. »

**Ingingo ya 8: Manda y'Abakomiseri**

**Article 8: Term of office for the Commissioners**

**Article 8: Mandat des Commissaires**

Ingingo ya 23 y'Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ihinduwe ku buryo bukurikira: Article 23 of Law n°19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights is modified as follows: L'article 23 de la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne est modifié comme suit :

“Manda y'Abakomiseri ni imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa. Muri icyo manda, Abakomiseri bakora ku buryo buhoraho.” “The term of office for the Commissioners is five (5) years renewable only once. During that term, Commissioners hold office on a full-time basis.” « Le mandat des Commissaires est de cinq (5) ans renouvelable une (1) seule fois. Au cours de ce mandat, les Commissaires exercent leurs fonctions de façon permanente. »

**Ingingo ya 9: Isimburwa ry'Umukomiseri**

**Article 9: Replacement of a Commissioner**

**Article 9: Remplacement d'un Commissaire**

Ingingo ya 27 y'Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere Article 27 of Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organisation and L'article 27 de la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et

n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ihinduwe ku buryo bukurikira:

“Iyo Umukomiseri ahagaritse imirimo ye ku mpamvu iyo ari yo yose, Perezida wa Komisiyo cyangwa umusimbura mu gihe adahari abimenyesha Perezida wa Repubulika, akagera kopi Perezida wa Sena na Minisitiri w'Intebe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

Isimburwa ry'Umukomiseri rikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 19, iya 20 n'iya 21 z'iri tegeko.”

**Ingingo ya 10: Manda y'Abakomiseri bari basanzweho**

Ingingo ya 43 y'Itegeko n° 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ihinduwe ku buryo bukurikira:

“Abakomiseri bari basanzwe mu mirimo barangiza manda bashyiriweho.

Ku Bakomiseri bashobora kongererwa manda, hakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 23 y'iri tegeko.”

functioning of the National Commission for Human Rights is modified as follows:

“In case a Commissioner ceases to carry out his/her functions due to any reason, the Chairperson of the Commission or his/her replacement in case of his/her absence notifies the President of the Republic, with copy to the President of the Senate and the Prime Minister within thirty (30) days.

The replacement of a Commissioner is carried out in accordance with Articles 19, 20 and 21 of this Law.”

**Article 10: Term of office of incumbent Commissioners**

Article 43 of Law n° 19/2013 of 25/03/2013 determining missions, organisation and functioning of the National Commission for Human Rights is modified as follows:

“Incumbent Commissioners complete the term of office for which they were appointed.

For Commissioners whose term may be renewed, Article 23 of this Law applies.”

fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne est modifié comme suit:

« Lorsqu'un Commissaire cesse ses fonctions pour une raison quelconque, le Président de la Commission ou son remplaçant en cas d'absence du Président en informe le Président de la République et réserve copie au Président du Sénat et au Premier Ministre endéans trente (30) jours.

Le remplacement d'un Commissaire se fait conformément aux articles 19, 20 et 21 de la présente loi. »

**Article 10: Mandat des Commissaires en fonction**

L'article 43 de la Loi n° 19/2013 du 25/03/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de la Commission Nationale des Droits de la Personne est modifié comme suit :

« Les Commissaires actuellement en fonction terminent le mandat pour lequel ils ont été nommés.

Pour les Commissaires dont le mandat peut être renouvelé, l'article 23 de la présente loi s'applique. »

**Ingingo ya 11: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 12: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko**

Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 13: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

**Article 11: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 12: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 13: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 11: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Article 12 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 13 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 24/08/2018

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya  
Leta

Kigali, on 24/08/2018

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 24/08/2018

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux